

Umutekano mu ngendo no mu bihe by'iminsi mikuru

Iminsi mikuru ni ibihe by'umwaka bishimisha. Ni n'ibihe abantu baba bagomba kumenya ko hashobora kubaho ubugizi bwa nabi. Gufata ingamba zoroshye bishobora gufasha kugira ibihe byiza kandi by'umutekano.

Gutegura mu rugo iwawe

Amatara

- Shyira amatara ku miryango yose yo hanze. Agomba kurara yaka – tekereza ku matara yaka yikanze igihise nimugoroba kugera mu museso.
- Regera amatara yake nyuma y'igihe runaka byo kujijisha nk'uri mu rugo.

Inzugi n'amadirishya

- Kora ibishoboka inzugi n'amadirishya bihore bifunze harimo kare.
- Kora ibishoboka imiryango yo hanze n'iva mu igaraje igana mu nzu ibe ikomeye ifite inzugi z'ibiti bikomeye cyangwa z'icyuma.
- Cunga kandi ufunge na kare umuryango w'igaraje; tekereza ku kubuza urugi rw'igaraje gukora igihe uri kure.
- Ntugashyire impano aho umuntu uciye ku idirishya azibona cyangwa aho umuntu uri hanze y'inzu azibona.

Gukata ibiti/ibyatsi

- Kata ibiti kugeza kuri metero ebyiri.
- Kata ibyatsi kugera kuri metero imwe
- Kora ibishoboka ibiti/ibyatsi bibe biri kure y'imiryango n'amadirishya kugira ngo wirinde ahantu hihishe.

Inama

- Bika ibintu by'agaciro nk'ibyambarwa by'umurimbo, imbunda n'impapuro zirimo amakuru bwite ahantu hizewe.
- Ntuzigere uhisha imfunguzo hanze.
- Tekereza ku gushaka umukozi uguma mu rugo igihe wagiye.
- Saba abaturanyi baguhe igikoresho kijyamo imyanda n'ikijyamo ibintu bivugururwa n'ibinyamakuru.
- Tandukanya udusanduku mbere yo kudushyira hanze ngo hajyemo ibikoresho bivugururwa mu nganda.

Guhaha, ingendo no kuba kuri interineti

- Parika ahantu habona neza, funga imodoka yawe ushyiremo kare, uzamure n'amadirishya. Bika ibintu bipfunyitse ahatagaragara.
- Irinde kugendana amafaranga menshi, ishyura ukoresheje ikarita yo kubikura cyangwa yo kuguza.
- Irinde kwambara imyenda cyangwa ibintu by'umurimbo bihenze.
- Itondere ibintu bigukikije, umvira umutimanama wawe.
- Ntukagure ibirenze ibyo ubasha gutwara; saba inshuti cyangwa umukozi wo ku iduka agufashe.
- Itondere umuntu wese muhuriye ku muryango wiyita utanga serivisi – rimwe na rimwe abagizi ba nabi bigira abatwara ubutumwa cyangwa abashaka impano.
- Bika inyemezabwishyu zose; kora dosiye kugira ngo byorohe guhuza impapuro za banki z'ibiruhuko n'/cyangwa iz'ingendo.
- Koresha imbuga za interineti zizewe igihe ugura. Shakisha "https" muri URL cyangwa akagufuri gafunze hasi ku rupapuro.
- Capa kandi ubike ibyemezo byose by'ibyaguriwe kuri interineti.
- Kurikirana ibyaguzwe ukoresheje urubuga rwa interineti rwo kohereza.
- Ibyaguzwe byoherezwa bisaba gushyirwaho umukono.
- Saba ko ibyaguzwe byoherezwa inshuti, umuntu wo mu muryango, umuturanyi cyangwa umukoresha.

